ESL Intake Center

Hazelwood Elementary/Lower Level, 1325 Bluegrass Avenue, Louisville, KY 40215

Amashuri ya Reta yo mu karere Jefferson asabwa n' amategeko ya Leta ya Kentucky n'amategeko ya Leta zunze ubumwe gukurikirana abanyeshuri kuva bataramenya ururimi rw'icyongereza no gusuzuma ko bamenye neza urwo rurimi. Ikigo cyakira abantu bavuga icyongereza nk'ururimi rutari urw'amavuko gifasha mu kwandikisha no gusuzuma ubumenyi bw'ururimi bw'abanyeshuri. Mu gusaba gahunda hamagara ku nomero **(502) 485-3623**. Birasaba ko umubyeyi cyangwa umurezi yazana n'umunyeshuri kuri gahunda.

Ibisabwa ni ibi bikurikira:

- **Icyemezo cy'amavuko** (I-94, passport cyangwa seritifika y'amavuko)
- **Icyemezo cy'aho utuye** (amasezerano y'ubukode bw'inzu, fagitire y'amazi cyangwa umuriro iheruka)
- **Ikarita ufatiraho ibyo kurya (food stamp number)** (igihe bishoboka)
- **Indangamuntu y'umubyeyi** (yo muri iki gihugu cya Amerika cyangwa yo mu gihugu ukomokamwo)
- **Indanga manota yo mumashure umwana yizemwo (**igihe bishoboka)
- **Ibyemezo bya Kentucky ko umwana yasuzumwe n'umuganga** (ishure ryose risaba kandi rikabika ibyo byemezo)
- **Seritifika ya Kentucky yerekana inkingo umwana yafashe** (buri shure ryose risaba iyo seritifika)
- **Ibyemezo bya Kentucky ko umwana yasuzumwe amaso** (bitangwa hatarenze tariki ya 1 Mutarama y'uwo mwaka wa mbere yiyandikishije kwishuri)
- **Ibyemezo bya Kentucky ko umwana yasuzumwe amenyo**

Ku kigo cyo kwiyandikisha:

- Abakozi bavuga indimi zitandukanye bafasha mu kuzuza impapuro zo kwiyandikisha.
- Umwana bamuha ikizamini kugirango babone ko akeneye imfashanyo ihabwa abantu bavuga icyongereza atari ururimi rwamavuko.
- Nta gahato gashyirwa ku muntu ngo yinjire muri iyo porogaramu y'abantu bavuga icyongereza atari rwo rurimi rwabo rw'amavuko.
- Igihe umunyeshuri atujuje ibisabwa byose byo kwinjira muri iyo porogaramu y' icyongereza, cyangwa umubyeyi adashaka kujya muri iyo porogaramu , umunyeshuri bamwohereza kwiga ku kigo cy'ishuri cyegereye aho atuye. Abakozi bakora ku kigo cyo kwiyandikisha bashobora guha umubyeyi amakuru yerekeranye n'amashuri yo mu karere (JCPS).
- Umubyeyi wemeye kujya muri iyo porogaramu y'icyongereza ku bantu batakivukiyemwo, (uretse abana bataragera igihe cyo gutangira amashuri y'incuke), bazabahamagara kuri terefone babamenyeshe ishuri bazajyamo, imodoka y'ishuri, umwambaro w'ishuri, n'ibindi.

Gutangira amashure y'incuke, umwana agomba kuba yujuje imyaka 5 imbere cyangwa ku tariki 1 y'ukwezi kwa cumi.

Hamagara kuri (502) 485-3623 hagati ya 7:30 z'igitondo na 4:30 z'amanwa ushaka amakuru cyangwa ushaka gahunda yo kwandikisha umwana nuko akora ikizamini.